MICT
UMURYANGO W'ABIBUMBYE
Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga

*Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga ("MICT") rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye ku itariki ya 22 Ukuboza 2010 kugira ngo Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho Icyahoze ari Yugosilaviya (TPIY) nizimara kurangiza manda yazo ruzazisimbure ku byerekeranye n'ububasha, imirimo y'ingenzi, uburenganzira n'inshingano zari zifite. MICT ifite Amashami abiri, rimwe riri Arusha muri Tanzaniya naho irindi rikaba i Lahe mu Buholandi.*

# DISIKURU

**POROKIRERI**

*(Iyi nyandiko igenewe gukoreshwa n'itangazamakuru gusa. Ntigenderwaho mu mirimo ya MICT)*

Arusha, Lahe, 8 Ukuboza 2016

## Ijambo rya Bwana Serge Brammertz, Porokireri w'Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga n'uw'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahoze ari Yugosilaviya mu Nama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa,

Kubera ko nshinzwe inkiko ebyiri, uyu munsi ndatanga raporo ku bikorwa bya TPIY n'ibya MICT ku ishami ryayo ry'Arusha n'iry'i Lahe. Murakoze kumpa umwanya wo kubagezaho iri jambo.

Ibiro nyobora bishyira imbere inshingano eshatu zikurikira: iya mbere, kurangiza imanza mu rw'iremezo no mu bujurire mu buryo bwihuse; iya kabiri ni ugutahura aho abantu umunani barezwe na TPIR batarafatwa baherereye no kubafata naho iya gatatu ikaba gutera inkunga inkiko z'ibihugu zikurikirana ibyaha by'intambara, ibyaha byibasiye inyokomuntu na jenoside.

Mpereye ku manza mu rw'iremezo no mu bujurire.

I Lahe, TPIY igeze mu cyiciro cya nyuma cya manda yayo. Hasigaye gusa imanza ebyiri kandi hateganyijwe ko urwo Rukiko ruzarangiza imirimo yarwo mbere y'impera z'umwaka utaha.

Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga
**Tel: +31 70 512 5691 Imeyiri:** mict-press@un.org
**Dukurikire kuri** Facebook, Twitter, YouTube, LinkedIn
**www.unmict.org**

Muri iki cyumweru, Ibiro nyobora biratanga imyanzuro nsozarubanza mu magambo mu rubanza rwa Ratko Mladić, rumwe mu manza zisobetse kandi z'ingenzi kurusha izindi mu mateka y'urwo Rukiko. Mladić yari umwe mu bantu barezwe n'Urukiko bari batarafatwa. Ifatwa rye mu mwaka wa 2011 ryabaye ikintu cy'ingenzi ku bakorewe ibyaha no ku butabera mpanabyaha mpuzamahanga.

Mu rubanza rwe Ibiro nyobora byatanze ibimenyetso byaturutse ku batangabuhamya barenga 150 n'ibimenyetso gihamya 7.800 kugira ngo tugaragaze ko Mladić ahamwa n'ibyaha byose 11 biri mu Nyandiko y'ibirego, birimo na jenoside yakorewe muri Srebrenica no mu migi ya Bosnie na Herzegovine. Isomwa ry'urubanza rwa Mladić riteganyijwe mu Ugushyingo 2017.

Ku byerekeye imanza z'ubujurire za TPIY, icyemezo mu rubanza rwa Stanišić na Župljanin cyatanzwe ku itariki ya 30 Kamena 2016, cyemeza igihano cy'imyaka 22 y'igifungo yari yarakatiwe n'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwa TPIY.

Mu rubanza rwa Prlić, Ibiro byanjye birakomeza imyiteguro y'iburanisha mu bujurire, riteganyijwe hagati ya Werurwe na Gicurasi 2017.

Mu gihe kirebwa n'iyi raporo, urubanza rwa Goran Hadžić rwahagarariye aho amaze kwitaba Imana muri Serbie. Ibiro byanjye bibabajwe cyane n'uko urubanza rutarangiye hafashwe icyemezo ku birego yashinjwaga. Dufatanyije n'abakorewe ibyaha akababaro no gucika intege. Byaba byiza tumenye amasomo twigiye muri uru rubanza kandi tukayazirikana.

Ku birebana n'imanza ziburanishwa na MICT i Lahe mu rugereko rwa mbere rw'iremezo n'izo mu bujurire, imihango mbanzirizarubanza irakomeza mu rubanza rwa Stanišić na Simatović. Iburanisha muri uru rubanza ruzaba rusubiwemo riteganyijwe kuzatangira mu gihembwe cya mbere cya 2017. Uru rubanza ni amahirwe akomeye MICT ibonye kugira ngo igaragaze ko ikurikiza amabwiriza y'iyi Nama kandi ko yafashe ingamba zo kunononsora bikomeye imirimo yayo kugira ngo ikorwe mu buryo bunoze kandi budahenze.

Mu bujurire bwa Šešelj na Karadžić, twatanze imyanzuro yacu mu bujurire ku itariki ya 18 Nyakanga no ku ya 5 Ukuboza 2016. Ubu dushishikariye gutegura igisubizo cyacu ku mpamvu 50 z'ubujurire zatanzwe n'Ubwunganizi bwa Karadžić.

Ku byerekeye Ishami ry'Arusha, nta manza zo mu rw'iremezo cyangwa mu bujurire zihaburanishirizwa muri iki gihe. Cyakora, mu gihe kirebwa n'iyi raporo, Ibiro byanjye byakoze amaperereza abiri, rimwe ryerekeranye n'urubanza rurebana no gusuzugura Urukiko n'irya kabiri

ryerekeye urubanza rwarangiye. Turakomeza kandi kugezwaho no gusubiza ibyifuzo byinshi birebana n'imanza zarangiye kurusha uko twari tubyiteze.

Byongeye kandi, Ibiro byanjye birakurirana imanza eshanu zimuriwe na TPIR mu nkiko zo mu Rwanda n'izo mu Bufaransa.

Ku byerekeranye n'imanza ebyiri zimuriwe mu Bufaransa, turakomeza gukorana n'abategetsi b'u Bufaransa tukanabashishikariza kurangiza umurimo wabo mu buryo bwihuse.

Ku birebana n'imanza eshatu zimuriwe mu Rwanda, amaburanisha mu rwego rwa mbere no mu rw'ubujurire arakomeje. Ikintu cy'ingenzi cyakozwe mu gihe kirebwa n'iyi raporo, ni uko Urugereko rw'Ubujurire rwa MICT rwatanze icyemezo cyarwo mu rubanza rwa Uwinkindi, rutera utwatsi icyifuzo cy'uregwa gisaba ko icyemezo cyo kumwimurira mu Rwanda gikurwaho kandi rwemeza ko u Rwanda rwujuje ibisabwa kugira ngo urubanza ruburanishwe ku buryo buboneye. Ibiro nyobora birizera ko iki cyemezo cyiza kizashyigikira ubufatanye hagati y'ibindi bihugu n'u Rwanda mu manza zerekeye koherezayo abakoze ibyaha kugira ngo bahaburanishirizwe no mu zindi manza zishamikiye kuri izo.

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa,

Ni ngombwa ko hakomeza kuba ubufatanye hagati y'ibihugu biri mu cyahoze ari Yugoslavie n'Ibiro bya Porokireri muri TPIY no muri MICT kugira ngo turangize manda yacu, harimo by'umwihariko imanza zo mu rw'iremezo no mu bujurire.

Ibiro nyobora bihuje impungenge zikomeye na Perezida Agius wavuze ko Serbie ikomeje kwirengagiza no kutubahiriza inshingano zayo zo kugirana ubufatanye na TPIY. Twifatanyije na Perezida twongera gusaba Serbie kugaruka mu nzira y'ubufatanye bwuzuye.

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa,

Intego yacu ya kabiri dushyize imbere ni ukumenya aho abantu umunani barezwe na TPIR baherereye no kubafata.

Abakorewe ibyaha bose basangiye icyizere kimwe: kubona abagize uruhare mu byaha bakorewe bagezwa imbere y'ubutabera. Bityo rero ni ngombwa cyane ko abo bantu umunani batarafatwa bafatwa bakaburanishwa.

Mu gihe kirebwa n'iyi raporo, twarangije gusuzuma ibikorwa twakoze kugeza ubu byerekeranye no gushakisha abantu batarafatwa kandi turiho turafata ingamba zikomeye kugira ngo dukemure inzitizi twatahuye. Twashyizeho ingamba zerekeranye na buri muntu utarafatwa. Ubu hari ihererekanyamakuru rikomeye n'ibikorwa byo kumenyekanisha ibyo dukora dushyikirana, by'umwihariko, na Interpol n'abategetsi bo mu bihugu. Ibiro nyobora birizera kuzatanga raporo ivuga ku musaruro ushimishije mu gihe kiri imbere kubera imbaraga nshya twashyize muri uwo murimo.

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa,

Intego yacu ya nyuma twitaho ni ugutera inkunga inkiko z'ibihugu zikurikirana ibyaha by'intambara byakorewe mu cyahoze ari Yugosilaviya no mu Rwanda.

Ku birebana n'u Rwanda, Ibiro byanjye byakomeje kugirana ubufatanye bwa hafi n'Ubushinjacyaha Bukuru n'Umushinjacyaha Mukuru. Ubwo bufatanye buragenda neza kandi buranoze, bityo nta bibazo dufite byo kubagezaho muri urwo rwego.

Ibiro byanjye birashimangira ko, muri uru rwego, gushakisha abantu barezwe batarafatwa ntibigarukira gusa ku bantu umunani bashinjwe na TPIR basigaye. Abategetsi b'u Rwanda bakoze risiti y'abantu bakekwaho icyaha barenga 500 babarizwa mu bindi bihugu. Ayo madosiye agomba gutegurwa hanyuma abo bantu bagakurikiranwa mu gihe hari ibimenyetso bihagije bigaragaza ko bashobora guhamwa n'icyaha. Ibiro nyobora bishishikariza ibindi bihugu gukorana n'abategetsi b'u Rwanda no gukora ibishoboka byose ngo izo manza zirangire.

Ku byerekeye icyahoze ari Yugosilaviya, birababaje kuba ibintu bitameze neza byose. Mu gihe abakoze ibyaha by'intambara bakomeza gukurikiranwa mu nkiko, poritiki yo irafata icyerekezo kitari cyiza.

Ibiro nyobora byemera ko hari ibintu byiza bigerwaho mu ikurikirana ry'ibyaha by'intambara mu rwego rw'igihugu. Nk'urugero rugaragara, Ibiro bya Porokireri muri Bosnie na Herzegovine byakomeje kubakira ku byagezweho mu myaka yashize ku byerekeranye n'imanza zo mu Cyiciro cya II maze bikomeza gutanga inyandiko z'ibirego zitari nke zishinja abakekwaho icyaha bo mu rwego rwo hejuru n'abo mu ruciriritse, ndetse n'inyandiko z'ibirego zerekeye ibyaha byari bisanzwe bititabwaho bihagije nk'urugomo rushingiye ku gitsina rukorwa mu gihe cy'intambara.

Cyakora, mu gihe kirebwa n'iyi raporo ubufatanye mu rwego rw'ubutabera mu karere bwakozwe mu nkokora bikomeye n'uko abategetsi bo muri Serbie, mu gihe kirenze umwaka, batubahirije icyemezo cyahamije Djukić ibyaha by'intambara mu rubanza rwe. Ibyo bitera impungenge zikomeye ku birebana n'ubushake bwa Serbie bwo gushyigikira koko ubufatanye mu rwego rw'ubutabera muri ako karere.

Tuzakomeza gukorana na bagenzi bacu bo mu bihugu kugira ngo tubafashe kurangiza imanza nyinshi zitararangira no guteza imbere umuco wo kuryoza ibyaha mpuzamahanga ababikoze mu nkiko z'ibihugu mu buryo bwigenga kandi butabera.

Cyakora, nk'uko inkiko z'ibihugu zifite inshingano zazo, na za guverinoma zifite izazo. Ibiro byanjye bifite inshingano yo kubamenyesha impungenge bifite y'uko abayobozi ba poritiki mu karere batubahiriza ibyo biyemeje, bijyanye no gushyigikira inkiko z'ibihugu ziburanisha ibyaha by'intambara.

Serbie yemeje Umugambi w'igihugu wo gukurikirana ibyaha by'intambara na Gahunda y'ibikorwa ishingiye ku Mutwe wa 23, ibyo Ibiro byanjye bikaba byarabyakiriye neza. Nyamara ariko kugeza ubu, nta bimenyetso bifatika byaba bigaragaza ko icyo gihugu kirimo gishyira mu bikorwa ibyo cyiyemeje. Mu gihe kigera ku mwaka, Guverinoma ya Serbie kugeza ubu ntirashyizeho Porokireri Mukuru mushya wo gukurikirana ibyaha by'intambara. Iyoguverinoma ntiratanga abakozi b'inyongera kandi bakenewe cyane kimwe n'ibikoresho yari yarasezeranyije guha Ibiro bya Porokireri w'ibyaha by'intambara. Ntiranatangiza ibikorwa bigamije kongerera ingufu Serivisi Yihariye yo mu giporisi ishinzwe gupererereza ibyaha by'intambara.

Mu ruzinduko mperuka gukorera i Belgrade, nashimangiye ko Serbie itazatera intambwe mu rwego rw'ubutabera ku birebana n'ibyaha byo mu ntambara, nidashyira mu bikorwa ibikubiye muri Gahunda y'ibikorwa n'ingamba. Abategetsi ba Serbie banyijeje ko bari bagiye guhita bagira icyo babikoraho. Nyamara ariko, nta kintu na kimwe mu byo banyijeje bubahirije.

Ku birebana na Croatie, ibyo abategetsi bizeza kuzakora bashyigikira inkiko ziburanisha ibyaha by'intambara bikomeje guhabana n'ibiriho bikorwa mu by'ukuri. Nk'uko twabibagejejeho mbere, poritiki ya Guverinoma ya Croatie itambamira ubufatanye mu rwego rw'ubutabera mu manza zimwe z'ibyaha by'intambara, zirimo n'imanza zo mu Cyiciro cya II zateguwe n'Ibiro byanjye. Twateze amatwi impungenge za Croatie muri urwo rwego. Cyakora, ni ngombwa ko dushimangira ko, icyaba kigamijwe icyo ari cyose, poritiki ikurikizwa ubu irivanga mu mikorere y'ubucamanza. Ibiro nyoboye byongeye gusaba bikomeje Croatie guhuza poritiki yayo n'ibyo yiyemeje.

Ibyo bibazo bya poritiki n'ibindi bisa na byo ni inzitizi zibangamira ikurikirana ry'ibyaha by'intambara, nk'uko Ibiro byanjye byari byarabivuze hashize amezi atandatu. Nta ntambwe iterwa mu manza ziriho kandi ubufatanye mu rwego rw'ubutabera mu karere buri mu bibazo bikomeye.

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa,

Ibiro nyobora bitewe kandi impungenge n'abanyaporitiki n'abayobozi ba guverinoma bo mu karere bamunga icyizere abantu bafitiye ubutabera ko bushobora kuryoza abantu ibyaha by'intambara kandi bagakemanga ubwigenge no kutabogama by'inzego z'ubutabera. Ibi bitera ikibazo gikomeye ku birebana n'ihame ryo kugendera ku mategeko muri ako karere. Ukuntu abantu bakiriye ifatwa ry'abantu icumi bakekwagaho icyaha ahitwa Orašje, muri Bosnie na Herzegovine, bigaragaza ku buryo bweruye iyo mikorere mvuga iteye impungenge.

Umuco wo gushimagiza abantu bakoze ibyaha by'intambara urakomeje kandi muri ako karere, nk'uko byagaragajwe n'icyemezo cy'Inteko Ishinga Amategeko ya Repubulika ya Srpska cyo guha imidari y'icyubahiro abantu bahamijwe ibyaha by'intambara.

Igihe cyose umwuka wa poritiki n'imitekerereze by'abantu bitazashyigikira iburanisha ry'ibyaha by'intambara, ntibizoroha na gato kugera ku byifuzo bikwiye by'abaturage, ari byo kubona abakoze ibyaha babiryozwa mu buryo bugaragara.

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa,

Reka mvuge neruye ko bishoboka guhindura icyo cyerekezo cya poritiki itari nziza.

Ibiro nyobora birahamagarira abayobozi bose bo mu karere gukora ibintu bitonze no kwirinda kwinjiza poritiki mu maperereza no mu ikurikiranacyaha biriho bikorwa.

Ibiro nyobora birahamagarira kandi Bosinie na Herzegovine, Croatie na Serbie gusubira mu bufatanye bwo mu karere bwubaka no gufata ingamba zihutirwa zo kongera kubaka icyizere abantu bagomba kugirira ubutabera ko bushobora kuryoza ibyaha by'intambara ababikoze.

Amahanga ashobora gufasha aha ibyo bihugu agahimbazamusyi kandi agakoresha poritiki yo kugira icyo aha ibyo bihugu ari uko bibanje gukora ibisabwa.

Nk'uko bisanzwe, Ibiro nyobora byiteguye gukorana n'ibihugu byo mu cyahoze ari Yugoslavieno gushyigikira ibitekerezo bigamije gutsura icyizere hagati yabyo no guteza imbere gahunda yo kuryoza ibyaha ababikoze.

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa,

Inkuru nziza ni uko Ibiro bya Porokireri muri MICT bikomeje kwakira ibyifuzo byinshi biturutse kuri bagenzi bacu na za guverinoma ku isi yose, bisaba ko tubafasha gukomeza ubushobozi bw'ibihugu bwo kuryoza ibyaha by'intambara ababikora. Mu gihe ubutabera mpuzamahanga bukomeje kugibwaho impaka cyane, amahanga yagombye kwemeranya ko gukora ku buryo inkiko z'ibihugu zishobora gukurikirana ibyaha mpuzamahanga ari uburyo bwo guteza imbere ubwo butabera.

Twumva dufite amahirwe kuko bagenzi bacu n'abafatanyabikorwa muri Afurika yose bashyigikiye byimazeyo umurimo w'Ibiro bya Porokireri wa MICT kandi bashishikariye gukorana n'Ibiro byacu kugira ngo bongere ubushobozi bw'inkiko zo mu bihugu. Nk'urugero rumwe gusa rw'ibishobora gukorwa, Ibiro byanjye, ku nkunga itubutse y'amafaranga yatanzwe n'abafatanyabikorwa, byashoboye mu minsi ishize guhugura abashinjacyaha n'abandi bakozi bo muri Kenya, Rwanda, Sudani y'amajyepfo, Tanzaniya na Uganda ku ikurikirana ry'ibikorwa by'urugomo rushingiye ku gitsina mu gihe cy'intambara. Itahwa ry'ibiro bishya bya MICT Arusha ni amahirwe akomeye yo gushyigikira ihame ry'ubwuzuzanye n'iry'uko, muri Afurika hose, nyuma y'intambara zibaye ibihugu bigomba kwikurikiranira abakoze ibyaha.

Muri urwo rwego kandi, mu butumwa butandukanye njyamo mu cyahoze ari Yugoslavie, amashyirahamwe y'abakorewe ibyaha ndetse n'abashinjacyaha bavuga ko bishimiye inkunga bahabwa n'Ibiro nyobora n'ubwitange tugaragaza mu kongerera ubushobozi ibihugu. Mu rwego rwo kugaragaza ubwo bwitange, ibyanditswe ku masomo twakuye mu kazi ko gukurikirana ibyaha by'urugomo rushingiye ku gitsina mu gihe cy'intambara bigiye ubu guhindurwa mu zindi ndimi kugira ngo bizasomwe n'abashinjacyaha bo mu bihugu.

Mu rwego rwo kubahiriza ingamba zo kurangiza manda yacu, gukomeza igikorwa cyo gukurikirana abakoze ibyaha by'intambara mu Rwanda no mu cyahoze ari Yugoslavie ubu noneho ni inshingano y'inzego z'ubutabera z'ibihugu. Inkunga y'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi, iy'Umuryango w'Abibumbye n'iy'amahanga izaba ari kamara mu kubifasha kugera ku ntego yabyo.

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa,

Itangwa ry'imyanzuro nsozarubanza mu magambo mu rubanza rwa Mladić ryatumye TPIY itera indi ntambwe iganisha ku isoza rya manda yayo. Ni muri urwo rwego Ibiro nyobora bikomeje kugabanya umubare w'abakozi babyo.

Hagati aho kandi, kwimurira inshingano za TPIY muri MICT birakomeza nk'uko byateganyijwe n'ibyemezo by'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi. Ibiro bya Porokireri muri MICT ubu biraburana urubanza rumwe mu rw'iremezo n'imanza ebyiri mu bujurire kandi bizakora ibishoboka byose kugira ngo uyu murimo urangire mu buryo bwihuse bwashoboka bwose.

Nagira ngo nsoze mvuga ko ibiro nyobora bishimira Umunyamabanga Mukuru Ban Ki Moon. Kuva ubwo yazaga gusura TPIY mu ntangiriro z'umwaka wa 2007 kugeza uyu munsi, Umunyamabanga Mukuru yateye inkunga ihamye umurimo ukorwa n'Ibiro nyobora no kurwanya umuco wo kudahana. Mu izina ry'Ibiro bya Porokireri muri TPIR, TPIY na MICT, ndashimira Umunyamabanga Mukuru kuba yaratubaye hafi, akadushyigikira byimazeyo kandi nishimiye kuzakomeza ubwo bufatanye hamwe n'Umunyamabanga Mukuru washyizweho, Antonio Guterres.

Murakoze kuntega amatwi.

# # #